# Form F - Ryan White Part B Program
# Amabwiriza yo gutanga ubusabe

## Ryan White Part B Program itanga ubufasha ku bantu batishoboye babana n'ubwandu bwa Virusi itera SIDA/SIDA muri Maine.

| | |
|---|---|
| **Koresha iyi porogaramu kugira ngo usabe ubufasha bw'ubwishingizi bwa MaineCare.** | Ubufasha bw'ikiguzi cy'ubwishingizi bwa MaineCare buraboneka ku bantu bafite ubwandu ba Virusi itera SIDA/SIDA:<br>• batuye muri Maine;<br>• binjiza munsi ya 250% by'igipimo cy'ubukene cyashyizweho na leta (https://aspe.hhs.gov/poverty-guidelines); NA<br>• badashobora kugira ahandi babona ubufasha. |
| **Ibyo ukeneye kugira ngo utange ubusabe:** | • Uzuza urupapuro 1 rw'inyandiko isaba<br>• Fagitire yawe ya MaineCare |
| **Uko utanga ubusabe:** | • Ohereza ubusabe bwawe bwuzuye hamwe na fagitire ya MaineCare kuri:<br>**Maine Ryan White Program**<br>**40 State House Station**<br>**Augusta, ME 04330**<br>**Cyangwa**<br>**Fagisi: (207) 287-3498** |
| **Ni iki gikurikiraho?** | • Kora ubusabe mu buryo bwuzuye kandi busobanutse. Ntidushobora kwiga ku busabe butujuje amakuru asabwa. (Ikikuranga cya Ryan White ni na nomero ya DHS ukoresha kuri ADAP.)<br>• Iyo twakiriye ubusabe bwawe bwuzuye, ubona ibaruwa ikumenyesha ko ubwishyu bwemejwe cyangwa butemejwe.<br>• Usabwe gutegereza kugeza ku minsi icumi y'akazi kugira ngo ubusabe bwawe bwigweho. Nihashira iminsi icumi y'akazi tutarakuvugisha, uzaduhamagare. |
| **Shaka ubufasha mu gutanga ubu busabe** | • Telefone: (207) 287-3747. Ku bahabwa ubufasha n'igikoresho gifasha abafite ubumuga bwo kutumva (TTY) bahamagara umurongo wa 711 muri Maine<br>• Fagisi: (207) 287-3498<br>• Imeyili: RyanWhitePartB.DHHS@maine.gov |

Hagendewe kuri 22 MRS §15, umuntu wese wandika amagambo y'ibinyoma abizi cyangwa agatanga ibyangombwa bihimbano abizi kugira ngo ahabwe ibigenwa n'Ishami ashobora guhabwa ibihano na Leta ya Maine mu Rukiko Rukuru, bishobora kubamo, ariko bitagarukira ku, kugaruza inkunga zatanzwe.

## Ishami rya Maine rishinzwe Ubuzima na Serivisi zo kwita ku Baturage
## ITANGAZO RYO KWIRINDA IVANGURA

Ishami Rishinzwe Ubuzima na serivisi z'abaturage ("DHHS") ntirivangura rishingiye ku bumuga, ubwoko, ibara ry'uruhu, igitsina, igitsina, igitsina wibonamo, imyaka, igihugu ukomokamo, imyizerere ishingiye ku idini, cyangwa ibitekerezo bya politiki, igisekuruza, umuryango cyangwa irangamimerere, amakuru aranga umuryango, abo mubana, kuba warigeze gutanga ikirego cyangwa guharanira uburenganzira bwawe, cyangwa kuba warakoze igikorwa cy'umuhwituzi, mu kwemeza cyangwa gutegura politiki yaryo, porogaramu, serivisi, cyangwa ibikorwa, cyangwa mu gutanga akazi no mu kugakora. Iri menyesha ritangwa nk'uko bisabwa kandi hakurikijwe Umutwe wa II w'Itegeko rigenga Abanyamerika bafite ubumuga ryo muri 1990 ("ADA"); Umutwe wa VI w'Itegeko rigenga Uburenganzira mbonezamubano ryo muri 1964, nk'Igice, kivuguruye 504 cy'Itegeko rikumira ivangura rishingiye ku bumuga mu bigo bya leta ryo mu w'1973, nk'uko ryavuguruwe; Itegeko rikumira ivangura rishingiye ku myaka mu bigo bifashwa na leta ryo mu w' 1975; Umutwe wa IX w'Amavugurura yo mu burezi yo mu w'1972; Igice cy'1557 of cy'Itegeko rigenga ubuvuzi buhendutse ku baturage bakennye; Itegeko rigenga Uburenganzira bwa muntu rya Maine; Amategeko arebana n'amasezerano y'akazi muri Leta ya Maine; n'andi mategeko yose n'amabwiriza abuza bene iri vanngura. Ibibazo, impungenge, ibirego cyangwa ubusabe ku yandi makuru yerekeye ADA n'*imitangirwe n'imikorere y'akazi* bishobora kohererezwa abahuzabikorwa ba DHHS ADA/EEO kuri 11 State House Station, Augusta, Maine 04333-0011; 207-287-4289 (V); 207-287-1871(V); cyangwa nomero ikoreshwa n'abafite ubumuga bwo kutumva muri Maine 711 (TTY). Ibibazo, impungenge, ibirego cyangwa ubusabe ku yandi makuru yerekeye ADA na *porogaramu, serivisi, cyangwa ibikorwa* bishobora kohererezwa ku Muhuzabikorwa wa DHHS ADA/ Uburenganzira bwa Muntu, kuri 11 State House Station, Augusta, Maine 04333-0011; 207-287-3707 (V); cyangwa nomero ikoreshwa n'abafite ubumuga bwo kutumva muri Maine 711 (TTY); cyangwa ADA-CivilRights.DHHS@maine.gov. Ibirego ku Burenganzira bwa Muntu na byo bishobora gushyikirizwa Ishami rya Amerika rishinzwe Ubuzima na serivisi z'abaturage, Ibiro bishinzwe Uburenganzira bwa muntu, kuri telefone kuri 800-368-1019 cyangwa 800-537-7697 (TDD) (Agakoresho gafasha abafite ubumuga bwo kutumva); ku iposita kuri 200 Independence Avenue, SW, Room 509, HHS Building, Washington, D.C. 20201; cyangwa mu buryo elegitoronike kuri https://ocrportal.hhs.gov/ocr/portal/lobby.jsf. Abantu bakeneye ibikoresho byo kubafaha gutambutsa ubutumwa neza mri porogaramu na serivisi za DHHS basabwa kumenyeskanisha ibyo bakeneye n'ibyo bakunda kuri ADA/Umuhuzabikorwa ushinzwe Uburenganzira bwa Muntu. Iri menyesha riraboneka mu yindi miterere, iyo risabwe.

# **Form F** - ADAP/Ryan White Part B Program Ubusabe bw'Ubufasha bw' ubwishingizi bwa MaineCare

## 1. Amakuru y'Ufashwa

Amazina: ____________________________________ Nomero ikuranga ya Ryan White: DHS____________

## 2. Gusaba Amakuru

Ingano y'amadolori y'ubufasha yasabwe: $_____________________

Nomero ya MaineCare: _________________________________

Gutuma sheki yishyurwa: MaineCare

Aderesi yo kwishyuraho: 11 High Street
Houlton, ME 04730-9970

## 3. Imigereka

Omekaho:

- Fagitire ya MaineCare itubwira umubare w'amadolari wishyuzwa mu kwezi.

## 4. Kubyemera k'ufashwa

Nsobanukiwe yuko amafaranga yose nsubizwa ku bwishyu nishyuriwe na Ryan White Part B Program agomba gusubizwa Ryan White Part B Program. Amakuru yose natanze kuri iyi fishi ni ukuri.

________________________________________ ________________________________ ________________
Amazina mu nyuguti nkuru Umukono Itariki

**Office use only:**

Date Received: Date Complete: Date Entered:

End date: ☐ Approved. ☐ Not approved. Reason: Staff initials:

Biheruka kuvugururwa muri Mata 2023. Reka verisiyo zishaje.